REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA

IBICIRO BY'INGANDA MU RWANDA

UKUBOZA 2024

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA (NISR)

## RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA
## UKUBOZA 2024

### INCAMAKE

Raporo ngarukakwezi y'ihindagurika ry'ibiciro mu nganda zo mu Rwanda

Ihinduka ry'ibiciro ku mwaka riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 0,2% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byagabanutseho 2,5%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 5,9%

Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byagabanutseho 0,5% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 0,5 %
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byagabanutseho 2,2%

**Imbonerahamwe: Ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda**

| | 2023 | 2024 | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Ukuboza | Mutarama | Gashyantare | Werurwe | Mata | Gicurasi | Kamena | Nyakanga | Kanama | Nzeri | Ukwakira | Ugushyingo | Ukuboza |
| **Ihindagurika mu mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 20,4 | 19,0 | 13,9 | 13,4 | 10,0 | 6,9 | -1,9 | -5,4 | -5,1 | -9,3 | -5,6 | -0,1 | 0,2 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | 19,7 | 17,8 | 12,8 | 11,2 | 7,0 | 4,7 | -2,5 | -7,1 | -8,5 | -14,3 | -10,9 | -3,9 | -2,5 |
| Ibyoherezwa hanze | 22,3 | 22,4 | 16,8 | 18,9 | 18,9 | 12,6 | -0,6 | -1,3 | 3,3 | 2,8 | 7,5 | 8,2 | 5,9 |
| **Ihindagurika ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | -0,7 | 0,4 | -4,4 | -0,5 | -0,2 | -1,2 | -4,4 | 0,8 | 1,4 | 0,3 | 5,4 | 3,4 | -0,5 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | -1,0 | 0,1 | -4,6 | -1,3 | 1,1 | -1,9 | -3,6 | 0,9 | -0,7 | -1,4 | 5,4 | 3,3 | 0,5 |
| Ibyoherezwa hanze | -0,1 | 0,9 | -4,1 | 1,3 | -3,1 | 0,3 | -6,3 | 0,5 | 6,4 | 3,6 | 5,6 | 3,7 | -2,2 |

### 1. INTANGIRIRO

Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda yerekana igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro hagendewe ku giciro fatizo gihabwa nyiri igicuruzwa cyangwa utanga service nta yandi mafaranga yiyongereyeho (imisoro, ay'ubwikorezi...). Iyi raporo mu Rwanda ishyirwa hanze buri kwezi.

Ikusanyamakuru kuri iyi raporo ryakorewe mu nganda n'ibigo by'ubucuruzi 114 no ku bicuruzwa 402 biri hirya no hino mu gihugu (Kigali no mu ntara). Ni raporo ikorwa ku bufatanye na Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR). Yibanda ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ibikorerwa mu nganda zitunganya ibintu binyuranye, ndetse n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro aribyo amashanyarazi, amazi, isuku n'isukura, ndetse n'itumanaho n'isakazabumenyi.

## 2. IBICIRO BYO MU NGANDA MU RWANDA

M'Ukuboza 2024, ibiciro rusange byo mu nganda byazamutseho 0,2%, ugereranyije n'Ukuboza 2023. Ibi byatewe n'izamuka rya 0,1% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye n'izamuka ry'ibiciro by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro byazamutseho 1,2%.

Ugereranyije Ukuboza n'Ugushyingo 2024, ibiciro byo mu nganda byagabanutseho 0,5%. Ibi byatewe n'igabanuka rya 0,6% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 3. IBICIRO BYO MU NGANDA BY'IBICURUZWA IMBERE MU GIHUGU

M'Ukuboza 2024, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byagabanutseho 2,5% ugereranyije n'Ukuboza 2023. Ibi byatewe n'igabanuka rya 3,1% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Ukuboza n'Ugushyingo 2024, ibiciro byo mu nganda ku bicururizwa imbere mu gihugu byazamutseho 0,5%. Ibi byatewe n'izamuka rya 0,6% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 4. IBICIRO BYO MU NGANDA KU BICURUZWA BYOHEREZWA HANZE

M'Ukuboza 2024, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byazamutseho 5,9% ugereranyije n'Ukuboza 2023. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 16,2% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi ndetse n'izamuka rya 1,2% ry'ibiciro by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro. Ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa byagabanutseho 2,8%.

Ugereranyije Ukuboza n'Ugushyingo 2024, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byagabanutseho 2,2%. Ibi byatewe n'igabanuka rya 3,9% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi ndetse n'igabanuka rya 0,5% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa.

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321
E-mail: info@statistics.gov.rw